

<p>AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 004/09/10/MIN YO KUWA 01/10/2009 ASHYIRAHO KOMITE Y’UBUGENZUZI MU BUYOBOZI BWITE BWA LETA, MU BUTEGETSI BW’IBANZE HAMWE NO MU BIGO BYA LETA</p>	<p>MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 004/09/10/MIN OF 01/10/2009 FOR THE ESTABLISHMENT OF THE AUDIT COMMITTEES IN PUBLIC ENTITIES, LOCAL GOVERNMENT ENTITIES AND AUTONOMOUS AND SEMI-AUTONOMOUS PUBLIC ENTITIES</p>	<p>INSTRUCTION MINISTERIELLE N° 004/09/10/MIN DU 01/10/2009 PORTANT LA MISE EN PLACE DES COMITES D’AUDIT DANS LES ENTITES PUBLIQUES, LES ENTITÉS ADMINISTRATIVES DÉCENTRALISÉES, LES ENTITES AUTONOMES ET SEMI-AUTONOMES</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIERES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo aya mabwiriza agamije</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of these Instructions</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet de l’instruction</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Icyo Komite y’Ubugenzuzi igamije</p>	<p><u>Article 2:</u> Purpose of an Audit Committee</p>	<p><u>Article 2:</u> Objet d’un Comité d’Audit interne</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Inshingano za Komite y’Ubugenzuzi</p>	<p><u>Article 3:</u> Audit Committee Responsibilities</p>	<p><u>Article 3:</u> Responsabilités du Comité d’Audit</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Ubwisanzure bw’abagize Komite y’Ubugenzuzi</p>	<p><u>Article 4:</u> Independence of Committee Members</p>	<p><u>Article 4:</u> Indépendance des membres du Comité d’Audit</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Abagize Komite y’Ubugenzuzi</p>	<p><u>Article 5:</u> Composition of Audit Committees</p>	<p><u>Article 5:</u> Composition du Comité d’Audit</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Ibisabwa kugira ngo umuntu abe muri Komite y’Ubugenzuzi</p>	<p><u>Article 6:</u> Requirements for appointment</p>	<p><u>Article 6:</u> Conditions de nomination</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Ibiranga abagize Komite y’Ubugenzuzi</p>	<p><u>Article 7:</u> Qualities of Audit Committee members</p>	<p><u>Article 7:</u> Les qualités des membres du Comité d’Audit</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Kugira no gusangira Komite z’Ubugenzuzi</p>	<p><u>Article 8:</u> Having and sharing Audit Committees</p>	<p><u>Article 8:</u> Avoir et partage du Comité d’Audit</p>

<u>Ingingo ya 9:</u> Ishyirwaho ry’abagize Komite y’Ubugenzuzi	<u>Article 9:</u> Appointing Members of Audit Committee	<u>Article 9:</u> Nomination des membres des Comités d’Audit
<u>Ingingo ya 10:</u> Igihe Abagize Komite bamara ku mirimo yabo	<u>Article 10:</u> Duration of the Term of Office	<u>Article 10:</u> Durée du mandat
<u>Ingingo ya 11:</u> Isimbura ry’abagize Komite y’Ubugenzuzi	<u>Article 11:</u> Orderly Succession in Audit Committee	<u>Article 11:</u> Renouvellement des membres des Comités d’Audit
<u>Ingingo ya 12:</u> Inama uko zikorwa	<u>Article 12:</u> Meetings and proceedings	<u>Article 12:</u> Tenue des réunions
<u>Ingingo ya 13:</u> Uburenganzira n’ibisabwa abagize Komite y’Ubugenzuzi	<u>Article 13:</u> Rights and Obligations for Members of Audit Committees	<u>Article 13:</u> Droits et Obligations des Membres du Comité d’Audit
<u>Ingingo ya 14:</u> Gahunda yo gutanga raporo	<u>Article 14:</u> Reporting Arrangements	<u>Article 14 :</u> Rapports des Comités d’Audit
<u>Ingingo ya 15:</u> Ishyirwa mu bikorwa	<u>Article 15:</u> Commencement	<u>Article 15:</u> Entrée en vigueur

<p>AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 004/09/10 YO KUWA 01/10/2009 ASHYIRAHO KOMITE Y'UBUGENZUZI MU BUYOBOZI BWITE BWA LETA, MU BUTEGETSI BW'IBANZE HAMWE NO MU BIGO BYA LETA</p> <p>Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Ngenga n°37/2006 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 12-6 °;7°, iya 13-13°, iya 67, iya 69, iya 70, iya 71, iya 72, n'iya 73;</p> <p>Ashingiye ku Iteka rya Ministiri n° 002/07 ryo ku wa 09/02/2007 rirebana n'amabwiriza y'imari cyane cyane mu ngingo ya 36 n'iya 37;</p> <p>Ashingiye ku Iteka rya Ministiri n° 002/09/10/GPIA ryo ku 12/02/2009 rishyiraho amabwiriza y'igenzurana n'ubugenzuzi bw'ibanze muri Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, iya 6, iya 26, iya 27 n'iya 28;</p> <p>ATANZE AYA MABWIRIZA:</p>	<p>MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 004/09/10/MIN OF 01/10/2009 FOR THE ESTABLISHMENT OF THE AUDIT COMMITTEES IN PUBLIC ENTITIES, LOCAL GOVERNMENT ENTITIES AND AUTONOMOUS AND SEMI-AUTONOMOUS PUBLIC ENTITIES</p> <p>The Minister of Finance and Economic Planning;</p> <p>Pursuant to Organic Law n° 37/2006 of 12/09/2006 on state finances and property as modified and complemented to date, especially in Articles 12-6°;7°, 13-13°,67, 69, 70, 71, 72 and 73 ;</p> <p>Pursuant to Ministerial Order n° 002/07 of 09/02/2007 relating to Financial Regulations especially in Articles 36 and 37;</p> <p>Pursuant to Ministerial Order n° 002/09/10/GPIA of 12/02/2009 setting out Regulations for Internal Control and Internal Audit in Government, especially in Articles 3, 6, 26, 27 and 28;</p> <p>HEREBY INSTRUCTS:</p>	<p>INSTRUCTION MINISTERIELLE N° 004/09/10/MIN DU 01/10/2009 PORTANT LA MISE EN PLACE DES COMITES D'AUDIT DANS LES ENTITES PUBLIQUES, LES ENTITES ADMINISTRATIVES DÉCENTRALISÉES, LES ENTITES AUTONOMES ET SEMI-AUTONOMES</p> <p>Le Ministre des Finances et de la Planification Economique;</p> <p>Vu la Loi Organique n°37/2006 du 12/09/2006 relative aux finances et patrimoine de l'Etat telle que modifiée et complétée à ce jour spécialement en ses articles 12-6° ; 7°, 13-13°, 67, 69, 70, 71,72 et 73;</p> <p>Vu l'Arrêté Ministériel n°002/07 du 09/02/2007 portant réglementations financières, spécialement en ses articles 36 et 37;</p> <p>Vu l'Arrêté Ministériel n° 002/09/10/GPIA du 12/02/2009 portant réglementation du contrôle et de l'audit interne dans l'Administration Publique, spécialement en ses articles 3, 6, 26,27 et 28 ;</p> <p>INSTRUIT:</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo aya mabwiriza agamije</p> <p>Aya mabwiriza agamije gushyiraho utunama tw'ubugenzuzi no kugena imikorere yatwo mu nzego za Leta, mu butegetsi bw'ibanze no mu bigo bya Leta bifite ubwisanzure busesuye cyangwa budasesuye mu micungire.</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Icyo Komite y'Ubugenzuzi igamije</p> <p>Komite y'Ubugenzuzi ni Komite ifite ubwigenge mu nzego za Leta, mu butegetsi bw'ibanze, hamwe no mu bigo bya Leta bifite ubwisanzure busesuye cyangwa budasesuye mu micungire kugira ngo ikurikiranire hafi imicungire y'imari ya buri rwego rwa Leta.</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Inshingano za Komite y'Ubugenzuzi</p> <p>Komite y'ubugenzuzi ifite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° kugira inama abayobozi b'urwego kugira ngo barusheho kunoza ibikorwa byarwo; 2° gusuzuma raporo z'imari z'urwego rwa Leta hagamijwe cyane cyane kureba ko zihuye n'ukuri muri rusange, kureba niba nta mafaranga yakoreshejwe atari 	<p><u>Article One:</u> Purpose of these Instructions</p> <p>These instructions are to establish and empower the functioning of Internal Audit Committees in Public entities, Local Government entities and Autonomous and Semi-Autonomous public entities.</p> <p><u>Article 2:</u> Purpose of an Audit Committee</p> <p>An Audit Committee shall be an independent committee of Public entities, Local Government entities and Autonomous as well as Semi-autonomous public entities set up to provide oversight to the financial management of the entity.</p> <p><u>Article 3:</u> Audit Committee Responsibilities</p> <p>The Audit Committee shall have the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° provide advisory assistance to the management of the entity for the betterment of its operational efficiency; 2° considering and reviewing of the financial statements of the government entity focusing on their overall credibility, unbudgeted expenditure 	<p><u>Article premier:</u> Objet de l'instruction</p> <p>La présente instruction a pour objet la mise en place des Comités d'Audit Internes et leur fonctionnement dans les entités publiques, les entités administratives décentralisées, les entités autonomes et semi-autonomes.</p> <p><u>Article 2:</u> Objet d'un Comité d'Audit interne</p> <p>Le Comité d'Audit est un Comité indépendant au sein des entités publiques, des entités administratives décentralisées, des entités autonomes ainsi que semi-autonomes mis en place pour assurer la supervision de la gestion financière de l'entité.</p> <p><u>Article 3:</u> Responsabilités du Comité d'Audit</p> <p>Le Comité d'Audit a les responsabilités suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° fournir une assistance-conseil aux gestionnaires de l'entité en vue de l'amélioration de l'efficacité de ses opérations; 2° faire l'examen et la revue des états financiers de l'entité publique en focalisant en général sur leur fiabilité, les dépenses non budgétisées ainsi que
--	---	---

<p>ku ngenzo y'imari, hamwe n'ikindi gikorwa kidasanzwe cyaba cyarakozwe;</p> <p>3° gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa by'ishami ry'ubugenzuzi bwite;</p> <p>4° gusuzuma raporo z'ubugenzuzi bwite n'iz'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta no kugaragaza ingamba zigomba gufatwa ku byerekeye ibibazo n'ibyifuzo biri muri izo raporo;</p> <p>5° gukurikirana ko abayobozi b'urwego bashyira mu bikorwa ibyifuzo byumvikanyweho kandi mu gihe cyagenwe;</p> <p>Komite y'ubugenzuzi ishobora gutegeka ko hakorwa ubugenzuzi bwihariye n'iperereza mu kigo kigenerwa ingengo y'imari kandi ikayobora igikorwa cyo guhitamo abagenzuzi bazabikora.</p> <p>Mu kuzuzira imirimo yabo, abagize komite z'abagenzuzi bazakorana n'Umugenzuzi bwite w'Imari ya Leta hamwe n'Umugenzuzi mukuru w'Imari ya Leta.</p>	<p>and any other unusual transactions;</p> <p>3° considering and approving the annual action plan of the internal audit unit;</p> <p>4° considering and reviewing of internal audit and Auditor General's reports and recommend appropriate actions to be taken in connection with the issues raised and recommendations in those reports;</p> <p>5° follow-up management to ensure the implementation of the agreed recommendations within the agreed timeframe;</p> <p>The Audit Committee may commission any appropriate special audits and investigations on the budget agency and lead the appointment of independent auditors to conduct such audits.</p> <p>In fulfilling their responsibilities, Audit Committees shall liaise with the Government Chief Internal Auditor and collaborate with the Auditor General of State Finances as appropriate.</p>	<p>toute transaction inhabituelle;</p> <p>3° examiner et approuver le plan d'action de l'unité d'audit interne;</p> <p>4° examiner et faire la revue des rapports d'audit interne et de l'Auditeur Général et recommander des actions appropriées à mettre en œuvre en rapport avec les problèmes identifiés et les recommandations de ces rapports;</p> <p>5° faire le suivi de la gestion pour s'assurer de la mise en œuvre des recommandations convenues dans les délais requis;</p> <p>le Comité d'Audit peut commander des audits spéciaux et investigations appropriées sur l'agence budgétaire et superviser le recrutement des auditeurs indépendants devant effectuer ces audits.</p> <p>Dans l'exercice de leurs fonctions, les Comités d'Audit travaillent en étroite collaboration avec l'Auditeur Interne Principal du Gouvernement et l'Auditeur Général des Finances de l'Etat.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 4: Ubwisanzure bw’abagize Komite y’Ubugenzuzi</u></p> <p>Uri muri Komite y’Ubugenzuzi agomba kuba afite ubwigenge, nta marangamutima ndetse nta ruhande abogamiye ho mu gihe akora inshingano ze.</p> <p>Kugira ngo abagize Komite y’Ubugenzuzi bashobore gukorera mu bwigenge, kutagira amarangamutima no kutabogama, bagomba kutagira imirimo bahemberwa mu rwego babereye umwe mubagize Komite.</p> <p>Nubwo abagize Komite y’Ubugenzuzi bafite inshingano n’ubushobozi bivugwa muri aya mabwiriza, ntabwo biri mu nshingano zabo gukora igenzura cyangwa gusuzuma konti zo mu nzego za Leta, mu butegetsi bw’ibanze, cyangwa no mu bigo bya Leta bifite ubwisanzure busesuye cyangwa budasesuye mu micungire.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Abagize Komite y’Ubugenzuzi</u></p> <p>Buri Komite y’Ubugenzuzi igomba kuba igizwe nibura n’abantu 3 ariko batarenze 5. Nibura umwe muri bo agomba kuba afite ubumenyi buhagije mu kazi ku bijyanye n’icungamari n’ibarura mari. Bamwe mu bagize Komite y’Ubugenzuzi bagomba kuba bafite uburambe buhagije mu butegetsi bwa Leta.</p>	<p><u>Article 4: Independence of Committee Members</u></p> <p>The members of the Audit Committees shall be independent, objective and impartial when performing their duties.</p> <p>For the sake of their independence, objectivity and impartiality, members of Audit Committees should not have any remunerated activity in the entities where they are members of Audit Committee.</p> <p>While the Audit Committee has the responsibilities and powers set forth in these instructions, it is not the duty of Audit Committees’ members to conduct audits or review accounts of Public entities, Local Government entities and Autonomous and Semi-autonomous entities.</p> <p><u>Article 5: Composition of Audit Committees</u></p> <p>Each Audit Committee shall be composed of at least three (3) but not more than five (5) members. At least one of the Audit Committee members shall have significant and recent experience in accounting and financial management. Some members of Audit Committees shall have relevant experience in public administration.</p>	<p><u>Article 4: Indépendance des membres du Comité d’Audit</u></p> <p>Les membres du Comité d’Audit doivent faire preuve d’indépendance, d’objectivité et d’impartialité dans l’exercice de leurs fonctions.</p> <p>Par assurer leur indépendance, objectivité et impartialité, les membres du Comité d’Audit ne devraient avoir aucune attribution rémunérée dans les entités où ils sont membres de Comité d’Audit.</p> <p>Alors que le Comité d’Audit a les responsabilités et les pouvoirs énoncés dans ces instructions, il n’est pas dans ses attributions d’effectuer des audits ou faire la revue des comptes des entités publiques, entités administratives décentralisées et des entités autonomes et semi-autonomes.</p> <p><u>Article 5 : Composition du Comité d’Audit</u></p> <p>Chaque Comité d’Audit est composé d’au moins trois (3) et de cinq (5) personnes au plus. L’un des membres du comité devra avoir une expérience pertinente dans le domaine de la comptabilité ou la gestion des finances. Quelques membres du Comité d’Audit devront avoir une expérience dans la gestion des administrations publiques.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 6: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe muri Komite y’Ubugenzuzi</u></p> <p>Umuntu uri muri Komite y’Ubugenzuzi, agomba kuba nibura yujuje ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° kuba nta ruhare afite mu mirimo ya buri munsu y’ikigo iyo komite ikoreramo; 2° afite nibura impamyamba bumenyi ya kaminuza mu ibaruramari, icungamutungo, cyangwa ubutegetsu bwa Leta; 3° kuba afite uburambe nibura bw’imyaka 3 mw’icungamutungo. 	<p><u>Article 6: Requirements for appointment</u></p> <p>The persons to be appointed to Audit Committees shall, as a minimum, satisfy the following requirements at least:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° being independent of the operational management of the entity on whose committee they serve; 2° holding at least a university degree in accounting, finance or in business administration; 3° having a working experience of at least three (3) years in financial administration. 	<p><u>Article 6 : Conditions de nomination</u></p> <p>Les personnes susceptibles d’être nommées dans le Comité d’Audit doivent, au minimum, satisfaire aux exigences suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° être indépendantes de la gestion opérationnelle de l’entité qu’ils servent; 2° avoir au moins un diplôme universitaire en comptabilité, en finance ou en administration des affaires; 3° avoir une expérience professionnelle d’au moins trois (3) ans dans l’administration financière.
<p><u>Ingingo ya 7: Ibiranga abagize Komite y’Ubugenzuzi</u></p> <p>Abagize Komite y’Ubugenzuzi bagomba kuba barangwa n’ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° kugira ubumenyi buhagije ku mikorere n’inshingano z’ikigo; 2° guharanira bisesuye inyungu za guverinoma; 3° kumenyera amahame y’icungamari; 4° kutabogama mu kazi nta zindi nyungu bagamije 	<p><u>Article 7: Qualities of Audit Committee members</u></p> <p>Members of the Audit Committee shall have the following qualities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° broad knowledge relevant to the organization’s business; 2° keen awareness of the interests of the government; 3° familiarity with the basic accounting principles; 4° objectivity in carrying out their mandate and no conflict of interest. 	<p><u>Article 7 : Les qualités des membres du Comité d’Audit</u></p> <p>Les membres du Comité d’Audit doivent avoir les qualités suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° avoir les connaissances générales ayant un rapport aux activités de l’organisation; 2° manifester une attitude positive à l’égard des intérêts du gouvernement; 3° être familiers avec les principes comptables de base; 4° être objectif dans l’accomplissement de leur mandat et n’avoir pas de conflit d’intérêts.

<p><u>Ingingo va 8: Kugira no gusangira Komite z'Ubugenzuzi</u></p> <p>Inzego za Leta, iz'Ubutegetsu bw'ibanze, n'Ibigo bya Leta bifite ubwisanzure busesuye cyangwa budasesuye mu micungire bikurikira bigira Komite y'Ubugenzuzi yihariye cyangwa bisangiye n'izindi nzego ku mpamvu z'ihangizamutongo, z'ironderezamutongo n'iz'ibonezantego:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° Perezidansi ya Repubulika y'u Rwanda ifite Komite y'Ubugenzuzi yayo bwite; 2° Umutwe wa Sena n'Umutwe w'Abadepite bifite Komite y'Ubugenzuzi bisangiye; 3° Urukiko rw'Ikirenga n'Inkiko zose bifite Komite y'Ubugenzuzi bisangiye; 4° Ibiro bya Ministiri w'Intebe na Minisiteri ziyishamikiyeho bifite Komite y'Ubugenzuzi bisangiye; 5° Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga na za Ambasade bifite Komite y'Ubugenzuzi bisangiye; 6° izindi Minisiteri n'imishinga izishamikiyeho bifite Komite y'Ubugenzuzi bisangiye; 7° Ubushinjacyaha Bukuru bufite Komite y'Ubugenzuzi yayo bwite; 	<p><u>Article 8: Having and sharing Audit Committees</u></p> <p>The following Public entities, Local Government entities and Autonomous and Semi-autonomous public entities shall have and/or share an Audit Committee for purposes of efficiency, economy and effectiveness:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° Office of the President of the Republic shall have an Audit Committee; 2° the Chamber of Senate and Chamber of Deputies shall share an Audit Committee; 3° the Supreme Court and other Courts shall share an Audit Committee; 4° Office of the Prime Minister and under Ministries shall share an Audit Committee; 5° Ministry of Foreign Affairs and Cooperation and Embassies shall share an Audit Committee; 6° other Ministries and affiliated projects shall share an Audit Committee; 7° National Public Prosecutor Authority shall have an Audit Committee ; 	<p><u>Article 8: Avoir et partage du Comité d'Audit</u></p> <p>Les entités publiques, les entités administratives décentralisées, des entités autonomes ainsi que semi-autonomes suivantes ont un Comité d'Audit ou le partage avec une autre institution pour de raison d'efficience, d'économie et d'efficacité:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° la Présidence de la République a son propre Comité d'Audit; 2° la Chambre du Sénat et la Chambre des Députés ont un même Comité d'Audit; 3° la Cour Suprême et d'autres cours et tribunaux ont un même Comité d'Audit; 4° les Services du Premier Ministre et les Ministères y rattachés ont un même Comité d'Audit; 5° le Ministère des Affaires Etrangères et les Ambassades ont un même Comité d'Audit ; 6° les autres Ministères et les projets y rattachés ont un même Comité d'Audit; 7° l'Organe National de Poursuite Judiciaire a son propre Comité d'Audit;
--	---	--

<p>8° buri Karere gafite Komite y'Ubugenzuzi;</p> <p>9° buri Komisiyo cyangwa Serivisi ya Leta ifite Komite y'Ubugenzuzi;</p> <p>10° buri Kigo cya Leta gifite ubwisanzure busesuye cyangwa budasesuye mu micungire gifite Komite y'Ubugenzuzi.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Ishyirwaho ry'abagize Komite y'Ubugenzuzi</u></p> <p>Mu nzego za Leta, abagize Komite z'Ubugenzuzi bashobora guturuka mu bakozi ba Leta cyangwa mu bikorera. Bashyirwaho na Minisitiri ufite Imari mu nshingano ze amaze kubyumvikanaho n'Umuyobozi w'Urwego rwa Leta bireba.</p> <p>Mu Bigo bya Leta bifite ubwisanzure busesuye cyangwa budasesuye mu micungire, abagize Komite y'Ubugenzuzi batorwa mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'Ikigo.</p> <p>Mu buyobozi bw'ibanze, abagize Komite y'Ubugenzuzi bashyirwaho na nnyanama y'akarere.</p> <p>Abagize Komite y'Ubugenzuzi bitoranyamo ubakurira.</p>	<p>8° each District shall have an Audit Committee;</p> <p>9° each Commission or Public Service shall have its own Audit Committee;</p> <p>10° each Autonomous and Semi-autonomous entity shall have their own Audit Committee.</p> <p><u>Article 9: Appointing Members of Audit Committee</u></p> <p>In Public entities, members of Audit Committees may be appointed from either the Public Sector or the Private Sector. They shall be appointed by the Minister having finance in his/her attributions after consultation with the Head of the concerned public entity.</p> <p>In semi-autonomous and autonomous entities, members of Audit Committee shall be appointed from members of the Board of Directors of the concerned entity.</p> <p>In Local Government entities, members of Audit Committee shall be appointed by the District Council.</p> <p>The appointed members of the Audit Committee shall elect a Chairperson among themselves.</p>	<p>8° chaque District a son propre Comité d'Audit;</p> <p>9° chaque Commission ou tout autre Service public a un Comité d'Audit;</p> <p>10° chaque entité autonome ou semi-autonome a son propre Comité d'Audit.</p> <p><u>Article 9: Nomination des membres des Comités d'Audit</u></p> <p>Les membres des Comités d'Audit des entités publiques peuvent provenir soit du secteur public ou du secteur privé. Ils sont nommés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions après consultation avec le responsable de l'entité concernée.</p> <p>Dans les entités autonomes et semi-autonomes, les membres du Comité d'Audit sont nommés parmi les membres du Conseil d'Administration de l'entité concernée.</p> <p>Dans les entités administratives décentralisées (Districts), les membres des Comités d'Audit sont nommés par le Conseil du District.</p> <p>Les membres du Comité d'Audit choisissent parmi eux un Président.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 10: Igihe Abagize Komite bamara ku mirimo yabo</u></p> <p>Abagize Komite y'Ubugenzuzi bamara ku mirimo yabo igihe cy'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.</p> <p>Umwe mu bagize Komite y'Ubugenzuzi ashobora guhagarika imirimo ku mpamvu ze bwite cyangwa ababisabwe n'Ubuyobozi bwamushyizeho mbere y'uko igihe cye kirangira. Iyo ugize Komite y'Ubugenzuzi ashaka kwegura, abikora mu nyandiko igenewe Ubuyobozi bwa mushyizeho.</p> <p>Manda y'umwe cyangwa y'abagize Komite y'Ubugenzuzi bose ishobora guhagarikwa n'ababashyizeho igihe cyateganijwe kitarangiye iyo umwe cyangwa abagize Komite batuzuzura inshingano zabo, cyangwa bakoze icyaha gihanwa n'amategeko.</p> <p>Iyo bigenze bityo, ababifiteye ububasha bavuzwe hejuru mu ngingo ya 9, mugihe cy'iminsi mirongo itatu (30) bashyiraho umuntu cyangwa abantu basimbura abeguye cyangwa abahagaritswe muri Komite y'Ubugenzuzi.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Isimbura ry'abagize Komite y'Ubugenzuzi</u></p> <p>Kugira ngo hagumeho kandi hakomezwe uburambe bw'imirimo ya Komite y'Ubugenzuzi nibura umwe mu bagize Komite agomba kuba yari muri Komite icyuye igihe</p>	<p><u>Article 10: Duration of the Term of Office</u></p> <p>Members of Audit Committees shall be appointed for a three (3) years term renewable only once.</p> <p>A Member of Audit Committee may resign from his/her duties on his/her will or upon request by the Appointing Authority before the end of his/her term of office. Resignation from duties on the will of a member of an Audit Committee shall be done in writing addressed to the Appointing Authority.</p> <p>Term of office of one or all members of Audit Committee may be terminated prematurely by the appointing Authority if a member or all members are not fulfilling their duties and responsibilities or committing any other offences punishable by the Law.</p> <p>In this case, competent authority referred to in Article 9 shall, within thirty (30) days, proceed with replacement of member(s) who have resigned from or whose term has been terminated in the Audit Committee.</p> <p><u>Article 11: Orderly Succession in Audit Committee</u></p> <p>To ensure and maintain experience for the continuity of the Audit Committee services, appointing authorities shall ensure orderly succession. At least one committee member</p>	<p><u>Article 10: Durée du mandat</u></p> <p>Les membres des Comités d'Audit sont nommés pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.</p> <p>Les membres des Comités d'Audit peuvent démissionner de leurs fonctions de leur propre volonté ou à la demande de l'autorité de nomination avant l'expiration de leur mandat. La demande de démission par volonté se fait par écrit à l'autorité de nomination.</p> <p>L'autorité de nomination peut mettre fin au mandat d'un seul ou de tous les membres des Comités d'Audit avant le terme si un ou tous les membres ne remplissent pas leurs devoirs et responsabilités ou commettent une infraction punie par la loi.</p> <p>Dans ce cas, l'autorité compétente visée à l'article 9 est tenue, dans les trente (30) jours à procéder au remplacement d'un (des) membre(s) qui ont démissionné ou dont le mandat a été mis fin.</p> <p><u>Article 11: Renouvellement des membres des Comités d'Audit</u></p> <p>Pour garantir la continuité et l'expérience des Comités d'Audit, l'autorité de nomination s'assurera que le renouvellement se fait de façon ordonnée. Au moins un des membres</p>
---	---	--

<p>iyo hashyirwaho indi Komite.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Inama uko zikorwa</u></p> <p>Komite y’Ubugenzuzi ihura nibura kane (4) mu mwaka kandi ifite ububasha bwo gukora n’inama zirenzeho iyo bibaye ngombwa. Iyo habaye inama idasanze, higwa ibiri kuri gahunda gusa, cyeretse iyo byavuzwe mbere inama igitangira ko hashobora kubaho impinduka kuri gahunda.</p> <p>Abagize Komite bose bagomba kuba muri buri nama ku giti cyabo. icyemezo gifatwa ku bwiganze busanzwe bw’abitabiriye inama. Muri izo nama ziba buri gihembwe, bimwe mu bigomba kuba ku murongo w’ibyigwa ni ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° kwemeza inyandikomvugo y’inama iheruka; 2° raporo z’imari za buri gihembwe; 3° Raporo z’ubugenzuzi za buri gihembwe; 4° ibibazo byerekeranye n’ubwisanzure n’imikorere y’abaganzuzi bigenga; 5° ibibazo bijyanye n’iyubahirizwa ry’amategeko. <p>Inama zihamagarwa na Perezida wa Komite cyangwa bisabwe nibura na bibiri bya gatatu</p>	<p>shall have been serving in the previous mandate on renewal and appointment of new Audit Committee members.</p> <p><u>Article 12: Meetings and proceedings</u></p> <p>Audit Committees shall meet at least four times a year, with authority to convene additional meetings, as circumstances require. In case of such extraordinary meetings, the Audit Committee shall consider only items on the agenda except if there are proposed modifications to the agenda at the start of the meeting.</p> <p>All Committee members shall attend each Audit Committees meeting, in person. A quorum for decisions shall be the simple majority of the Members of the Audit Committee. For such periodic meetings, the agenda shall include among others:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° approval of minutes of the previous meeting; 2° periodical financial reports; 3° Internal Audit periodic reports; 4° External Audit independence and performance issues; 5° compliance with applicable Laws, regulations and procedures issues. <p>Meetings shall be convened at the initiative of the Chairperson or on request by at least 2/3</p>	<p>doit avoir servi dans le Comité précédent.</p> <p><u>Article 12: Tenue des réunions</u></p> <p>Les membres des Comités d’Audit se réunissent au moins quatre fois par an avec possibilité de convoquer d’autres réunions selon les circonstances. En cas, des réunions extraordinaires, le Comité d’Audit ne délibère que sur les points inscrits à l’ordre du jour, sauf s’il y a des modifications adoptées au début de la réunion.</p> <p>Tous les membres du Comité d’Audit sont tenus de participer personnellement à la réunion du Comité. Les décisions sont prises à la majorité simple des membres présents. Pour ces réunions périodiques, l’ordre du jour comprend entre autres:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° l’adoption du procès verbal de la réunion précédente; 2° l’adoption des rapports financiers périodiques; 3° l’adoption rapports périodiques d’audit interne; 4° questions relatives à l’indépendance et à la performance de l’audit externe; 5° les questions relatives au respect des lois, réglementations, procédures, etc. <p>Les réunions sont convoquées à l’initiative du Président ou sur demande des deux tiers (2/3)</p>
--	---	---

<p>(2/3) by'abagize Komite.</p> <p>Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari n'Umugenzuzi Mukuru bwite w'imari b'urwego rwagenzuwe bafite ubutumire buhoraho muri izi nama. Ariko iyo bibaye ngombwa Komite ishobora no kubaheza.</p> <p>Iyo bibaye ngombwa, Komite y'Ubugenzuzi ishobora gutumira abagenzuzi bigenga cyangwa undi muntu wese ibona ko yayigira inama. Abatumiwe nta burenganzira bafite bwo gutora.</p> <p>Ubutumire na gahunda by'inama bitangwa mu nyandiko, herekanwa umurongo w'ibyigwa, ibisobanuro bigufi n'inyandiko zikoreshwa mu nama, bigashyikirizwa abagize komite nibura mu gihe cy'iminsi (5) mbere yuko inama iterana.</p> <p>Komite ifata ibyemezo ku bwumvikane bw'abagize inama. Kugira ngo Komite ishobore guterana hagomba kuba hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Iyo umubare wa ngombwa utabonetse, inama irasubikwa ikimurirwa ku yindi tariki.</p> <p>Inyandikomvugo y'inama ya Komite y'Ubugenzuzi yandikwa n'Umunyamabanga watoranijwe ku bwumvikane bw'abagize Komite, igasinywa n'ukuriye Komite</p>	<p>of the Audit Committee members.</p> <p>The concerned Chief Budget Manager and the Chief Internal Auditor of the entity will have a standing invitation to attend meetings of the Audit Committee. However, if necessary, Members of the Audit Committee may hold meetings without their presence.</p> <p>Where appropriate, the Audit Committee may invite the external auditors or any other resource-person in an advisory capacity. Invited persons attend the Audit Committee's meetings but do not have the right to vote.</p> <p>The invitation and meeting agenda shall be sent in writing and indicate the items on the agenda together with briefing materials, working papers and delivered to the members of the Committee at least five (5) days prior to the meeting.</p> <p>The Committee shall take decisions on consensus of the members present in the meeting. The Committee shall sit to deliberate only when at least two third (2/3) of its members are present. If the quorum is not met, the meeting shall be postponed to another date.</p> <p>The minutes of the meeting of the Audit Committee shall be prepared by the appointed Secretary on mutual consent of members and shall be signed by the Chairperson and all</p>	<p>des membres du Comité d'Audit.</p> <p>Le Gestionnaire Principal du Budget de l'entité concernée et le responsable de l'Audit Interne de l'entité concernée participent de droit aux réunions des Comités d'Audit. En cas de nécessité, les membres du Comité d'Audit peuvent tenir une réunion sans leur présence.</p> <p>Le Comité d'Audit peut inviter à ses réunions des auditeurs externes ou toute autre personne qui peut lui donner des conseils. La personne invitée participe aux délibérations sans droit de vote.</p> <p>L'invitation et l'ordre du jour doivent être envoyés par écrit et indiquent les points inscrits à l'ordre du jour ainsi que les documents d'information et les documents de travail et sont remis aux membres du comité au moins cinq (5) jours avant la tenue de la réunion.</p> <p>Le Comité d'Audit prend les décisions par consensus des membres présents à la réunion. Le Comité siège pour délibérer lorsque au moins deux tiers (2/3) des ses membres sont présents. Si ce quorum n'est pas rempli, la réunion est reportée à une date ultérieure.</p> <p>Le procès verbal de réunion du Comité d'Audit est pris par un secrétaire choisi par consensus des membres et doit être signé par le président et tous les membres présents.</p>
--	--	---

<p>n'abayigize bose bahari.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Uburenganzira n'ibisabwa abagize Komite y'Ubugenzuzi</u></p> <p>Abagize Komite bahabwa amafaranga y'agahimbazamusi angana n'ay'abagize Inama y'Ubutegetsi bw'Ikigo cyangwa Inama Njyanama y'Akarere iyo bakoze inama. Bafite uburenganzira busesuye bwo gubabwa inyandiko n'amakuru arebana n'akazi kabo.</p> <p>Iyo bibaye ngombwa, nyuma yo kuvugana n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari, hashobora kwifashishwa inzobere ikishyurwa n'ikigo bireba.</p> <p>Abagize Komite y'Ubugenzuzi bagomba kwitabira bakanatanga ibitekerezo mu nama za Komite. Bashobora gusimburwa iyo basibye inama inshuro eshatu zikurikirana nta bisobanuro.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Gahunda yo gutanga raporo</u></p> <p>Komite y'Ubugenzuzi itanga raporo kane mu mwaka. Gahunda zo gutanga raporo ziteye gutya:</p> <p>1° mu Nzego za Leta, Komite z'Ubugenzuzi zitanga raporo ku bakuriye inzego zabo;</p> <p>2° mu bigo bya Leta bifite ubwisanzure busesuye cyangwa budasesuye mu</p>	<p>members of the Audit Committee present.</p> <p><u>Article 13: Rights and Obligations for Members of Audit Committees</u></p> <p>Audit Committee's members shall have right to the applicable Board or District Council sitting allowances. They have full access to data and information deemed necessary for the conduct of their normal duties.</p> <p>If need be, after consultations with the Chief Budget Manager, an expert can be hired and the related cost shall be borne by the concerned public entity.</p> <p>Members of the Audit Committees shall have the obligation to attend and contribute to the committee meetings. They may be replaced subsequent to three unexplained successive absenteeism in the meetings.</p> <p><u>Article 14: Reporting Arrangements</u></p> <p>Audit Committees shall report on a quarterly basis. The reporting arrangements shall be as follows:</p> <p>1° in Public entities Audit Committees shall report to Heads of their respective entities;</p> <p>2° in semi-autonomous and autonomous entities, Audit Committees shall</p>	<p><u>Article 13: Droits et Obligations des Membres du Comité d'Audit</u></p> <p>Les membres du Comité d'Audit ont droit aux jetons de présence équivalents à ceux accordés aux membres du Conseil d'Administration ou du Conseil de District. Ils ont l'accès total aux données et informations en rapport avec leurs fonctions.</p> <p>Si besoin est, après consultation du Gestionnaire Principal du Budget, les membres du Comité d'Audit peuvent se faire aider par un expert. Le coût de cette expertise est supporté par l'entité publique concernée.</p> <p>Les membres du Comité d'Audit ont l'obligation d'assister et de participer aux réunions du comité. Ils peuvent être remplacés en cas de trois absences successives aux réunions sans motifs valables.</p> <p><u>Article 14 : Rapports des Comités d'Audit</u></p> <p>Les rapports des Comités d'Audit sont produits trimestriellement. Ils sont transmis comme suit:</p> <p>1° dans les entités publiques, les rapports des membres du Comité d'Audit sont adressés au Chef des entités publiques respectives ;</p> <p>2° dans les entités autonomes et semi-autonomes, les rapports des membres</p>
--	--	--

<p>micungire, Komite z'Ubugenzuzi zitanga raporo ku Nama z'Ubutegetsu z'ibyo bigo;</p> <p>3° mu buyobozi bw'ibanze (Uturere), Komite z'Ubugenzuzi zitanga raporo ku Nama Njyanama z'Uturere.</p> <p>Umugenzuzi Mukuru Bwite wa Leta n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta bahabwa izo raporo iyo bazikeneye.</p> <p><u>Ingingo ya 15: Ishyirwa mu bikorwa</u></p> <p>Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p>Kigali, ku wa</p> <p style="text-align: center;">MUSONI James Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi</p> <p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p>	<p>submit their reports to their Board of Directors;</p> <p>3° in local government entities, Audit Committees shall report to the District Councils.</p> <p>The Government Chief Internal Auditor and the Auditor General of State Finance shall have access to these reports whenever they request for them.</p> <p><u>Article 15: Commencement</u></p> <p>These Instructions shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> <p>Kigali, on.....</p> <p style="text-align: center;">MUSONI James Minister of Finance and Economic Planning</p> <p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p>	<p>du Comité d'Audit sont adressés au Conseil d'Administration respectifs;</p> <p>3° dans les Districts, les rapports des membres du Comité d'Audit sont soumis au Conseil de district.</p> <p>L'Auditeur Interne Principal du Gouvernement et l'Auditeur Général des Finances de l'Etat ont le droit d'accès aux rapports des Comités d'Audit lorsqu'ils en font la demande.</p> <p><u>Article 15: Entrée en vigueur</u></p> <p>La présente instruction entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> <p>Kigali, le</p> <p style="text-align: center;">MUSONI James Ministre des Finances et de la Planification Economique</p> <p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p>
---	---	--

<p>KARUGARAMA Tharcisse Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>KARUGARAMA Tharcisse Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>KARUGARAMA Tharcisse Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>
--	---	--